Mugenzi P. Célestin
Paroisse Kamonyi
B.P. 384
Kigali.

Impembero

# IMPEMBERO

Uyu mwaka dutangiye
Isi yawugennye izina
Yawugeneye urubyiruko
Ngo rugire impembero
Hato rutabura impamba

Bakobwa mubyiruka
Bahungu mubyiruka
Impuruza iravugijwe
Mubanguke mwitabe
Mugezweho amabwiliza

Nimwigire umwe musa
Mukomeze ubufatanye
Mwohoke ubworozi
Ubuhinzi mubwihome
Ubukolikoli bwaguke.

Mbatumye i Masuka
Munyure i Gishike
Mukomeze i Bulima
Mugere mu Rutabo
Murare i Kibimba.

Mukomeze / Cukiro
Munyure / Busanza
Mukomeze / Tabire
Mugere / Mwaka
Murare / Butera

Mbatumye / Shaka
Munyure / Sekera
Mukomeze / Butera
Mugere / Masaka
Murare / Kabagali

Mukomeze / Ruteme
Munyure / Muhura
Mugere / Butaro
Mugere / Munyaga
Murare / Liba

Mukomeze / Mukura
Munyure / Maseka
Mukomeze / Shara
Mugere / Sereko
Murare / Kazuba

Mukomeze , Vunga
Munyure , Butaro
Mukomeze , Rukoma
Mugere , Muhanga
Murare , Giseke

Mukomeze , Gashenyi
Munyure , Kivomo
Mukomeze , Mashyiga
Mugere , Cyungo
Murare , Tulire

Mukomeze , Vugira
Munyure , Ruvure
Mukomeze , Gikoma
Mugere , Kabindi
Murare , Butera

Mukomeze , Kabira
Mugere , Museso
Mukomeze , Cyarwa
Mugere , GAhihi
Murare , Mashango

Mbatumye / Gashyimbo
Munyure / Rubona
Mukomeze Mugere / Mwaka
Mugere / Butera
Murare / Ngarama

Mukomeze / Kabagali
Munyure / Bugoyi
Mukomeze / Muyange
Mugere / Nyaruteja
Murare / Masogwe

Mukomeze / Buhurura
Munyure / Muhura
Mukomeze / Butaro
Mugere / Mubuga
Murare / Rutiba

Mukomeze / Rugera
Munyure / Gabiro
Mukomeze / ~~Guliro~~ Hangiro
Mugere / Guliro
Murare / Mukono

Mbatumye , Kiboga
Munyure , Busaga
Mukomeze , Busogo
Mugere , Gasogi
Murare , Rususa

Mukomeze , Rubwija
Munyure , Mutongo
Mukomeze , Kiduda
Mugere , Mbati
Murare , Kora

Mbatumye , Bukonya
Munyure , Butera
Mukomeze , Kabyara
Mugere , Gatoke
Murare , Gakomeye

Mukomeze , Ruteme
Munyure , Rutabo
Mukomeze , Gashinge
Mugere , Kivomo
Murare , Kavure

Mukomeze / Rukoma

Mugere / ~~Rusenge~~ Rukebano

Mukomeze / Kabindi

Mugere / Butaro

Murare / Rusenge

Mbatumye / Bwishaza

Munyure / Gasogi

Mukomeze / Rususa

Mugere / Gatoke

Murare / Kanombe

Mbatumye / Rutunga

Munyure / Rwinyana

Mukomeze / Rushashi

Mugere / Kilinda

Murare / Gipfizi

Mukomeze / Kambyeyi

Munyure / Muhondo

Mukomeze / Nyamata

Mugere / Kansi

Murare / Gacuba

| | | |
|---|---|---|
| Mukomeze | 1 | Ruhimbi |
| Munyure | 1 | Kivuruga |
| Mukomeze | 1 | Gasabo |
| Mugere | 1 | Masoro |
| Murare | 1 | Simbo |
| | | |
| Mbatumye | 1 | Rutunga |
| Munyure | 1 | Butama |
| Mukomeze | 1 | Cyihene |
| Mugere | 1 | Kigurube |
| Murare | 1 | Rwinkwavu. |
| | | |
| Mukomeze | 1 | Sake |
| Munyure | 1 | Gashuhe |
| Mukomeze | 1 | Nkanga |
| Mugere | 1 | Rwafi |
| Murare | 1 | Nsinda |
| | | |
| Mbatumye | 1 | Karenge |
| Munyure | 1 | Giseke |
| Mukomeze | 1 | Gituza |
| Mugere | 1 | Gitima |
| Murare | 1 | Gitwe |

Mukomeze | Mbali
Munyure | Mapfundo
Mukomeze | Bunyonga
Mugere | Buhimba
Murare | Buhanga

Mbatumye | Butare
Munyure | Ruganda
Mukomeze | Makara
Mugere | Ruvuba
Murare | Shonga

Mukomeze | Nyundo
Munyure | Masuka
Mukomeze | Buhoro
Mugere | Rushoka
Murare | Ruhindu

Mukomeze | Ruhunda
Munyure | Kigembe
Mukomeze | Kinyambi
Mugere | Butambi
Murare | Bulinga

Mbatumye , Nyakizu
Munyure , Gasiza
Mukomeze , Kibanza
Mugere , Giti
Murare , Rubaliro

Mukomeze , Buhoma
Munyure , Gashora
Mukomeze , Kabati
Mugere , Mukinga
Murare , Karago

Mukomeze , Nyumba
Munyure , Kabuye
Mukomeze , Rusenyi
Mugere , Mukingi
Murare , Kabati

Mbatumye , Nganzo
Munyure , Kibumba
Mukomeze , GATSIBO
Mugere , Bijyojyo
Murare , Kitabi

Mukomeze | Karama
Mugere | Munoga
Mukomeze | Cyungo
Mugere | Kabindi
Murare | Rutango

Mbatumye | Gafunzo
Munyure | Rwamatamu
Mukomeze | Nyantango
Mugere | Gihira
Murare | Ruhunda

Mukomeze | Gaseke
Munyure | Rutenga
Mukomeze | Giseke
Mugere | Busozo
Murare | Butemeli

Mbatumye | Rusuna
Munyure | Mugusa
Mukomeze | Gatumba
Mugere | Kanage
Murare | Karago

Mbatumye | Kangoma
Munyure | Gahini
Mukomeze | Gakoni
Mugere | Rukore
Murare | Mabano

Mukomeze | Rutagara
Munyure | Byangabo
Mukomeze | RUVURE
Mugere | Kato
Murare | Sekura

Mukomeze | Kansi
Munyure | Gacuba
Mukomeze | GAKOMA
Mugere | Mteko
Murare | Kidaho

Mukomeze | Gasoro
Munyure | Kigeni
Mukomeze | Karosho
Mugere | Runanga
Murare | Mukinga

Mukunde umuconyarwanda
Muwulinde ibiwuhumanya
Muwuhanagure ibizinga
Muwulinde ibiwutokoza
Muwukenkemure werede.

Umuco umenya ababyeyi
Umuco ugoboka ingunda
Umuco uvuna abatewe
Umuco ugana abatware
Umuco uhoza abarwayi

Umuco ugoboka abaniha
Umuco ugorora abanana
Umuco ucyaha inyanda
Umuco ugorora ingingo
Umuco uremya urugwiro

Umuco uhamya imigambi
Umuco uzana umusanzu
Umuco uzana umuganda
Umuco uhunga amohe
Umuco ukunda ihoho

Umuconyarwanda uduturemo
Umulishyo w'Ingoma uwubambure
Muwuhe imisango udasangura
Muwuhe isando utarandukа
Muwuhe indinde utagondama

Muwunyuze inzira itanyerera
Muwunyuze inzira itazimiza
Muwuhe indaro itanyagiza
Muwuhe amagambo y'impunguire
Afite ireme ly'impungire

Muwuhe umunyafu udafulika
Muwuhe umusanzu udasagiza
Muwuhe umuganda utagondama
Muwambike inkindi udakohora
Muwuhe ibishora bishongoye

Muvune sambwe iwusingize
Mucinye umudiho uwudendeze
Muwuhe ibisigo bishunguye
Imishagiliro iwushongore
Muhamye intego ubategeye.

Nimuharanire amahoro
Amahoro adahalika
Amahoro adahomeka
Amahoro adahigika
Amahoro adahigima

Amahoro adahora
Amahoro adahigira
Amahoro adahotora
Amahoro adahuguza
Amahoro atababaza

Amahoro ataliganya
Amahoro atanyereza
Amahoro atanyukura
Amahoro ataguguru
Amahoro adahekenya

Amahoro aburabuza
Amahoro agoragoza
Amahoro ababalira
Amahoro ahumuliza
Amahoro ahorahoza

Nimurwanye isuli
Muyiteze amashyamba
Muyitege imingoti
Muyizitize ibyatsi
Maze ihinduke umwotsi

Muyirwanye i Gahinga
Muyirwanye i Rubanga
Muyirwanye i Karambo
Muyirwanye i Murambi
Muhambé i Gatumba

Murwanye isuli i Mara
Muyirwanye mu Meru
Muyirwanye mu Rutabo
Muyirwanye mu Kabere
Muyirwanye i Kabuye

Muyirwanye i Nduga
Muyirwanye i Ndorwa
Muyirwanye i Ndiza
Muyirwanye i Ndusu
Muyirwanye i Nduba

Nimuharanire Kujijuka
Munyarukire mu masomero
Mwige inyuguti iyo ziva zose
Muteraterenye zibe ijambo
Musome neza nta gusobanya

Musome udutabo n'ibitabo
Musome amakuru y'imvaho
Musome amateka y'ibihugu
Musome amabwiliza y'ibukuru
Musome amategeko y'igihugu.

Mufate ikayi n'ikaramu
Mwige kwandika umunogerezo
Mwandikirane iwanyu i Rwanda
Mwandikirane n'ab'ishyanga
Muhane intashyo yo mu marenga

Mwige kubara bya kibaliro
Mubare amajana mujanure
Mwenege ibihumbi muhumbagize
Imihambiro muvuzuze injovu
Musshandikanye n'ubushishi

Nimwumve Bakobwa
Nimwumve Bahungu
Musigeho guhurura
Muhunga mu Cyaro
Muhorulira mu migi

Iyo migi ibararura
Ntacyo ibamalira
Nayo ihora ilira
Imilimo yarabuze
Inzara iraca ibintu

Nimugarukire icyaro
Muhine umugongo
Mwihangire imilimo
Mufashe ababyeyi
Mufubaganye imilimo

Mufatanye ububinzi
Bukomeze kujya mbere
Mukenure amatungo
Abyibuhe abe indatwa
Mugwize ibiyambo

Mwene Mubumbyi
Aboneze iy'inganzo
Ashikuzeyo ibumba
Afatanye n'iwabo
Babumbe ibishobotse

Mufashe ababyeyi
Imyuga ibabaye
Imyuga ibakwiye
Imyuga itamwaye
Ihamura ibyifasho

Gatozi aho ali
Yihalike icyo ashoboye
Ahinge kijyambere
Arwanye ifumba afumbire
Atere imbuto z'indobanure

Niba uhisemo ubworozi
Ihalike itungo witondeye
Ulyubakire ubwugamo
Uhore uteganya amagaburo
Lizakugwiliza amikoro

Ndabaza ba Rubondo
Mwigabiza ibibondo
Mubambura imondo
Mubakenyeza ibirondo
Mubaraza amarondo

Mubagalika mu Cyondo
Bagakesha igitondo
Babaye ubugondo
Mubashoreza akabando
Bagahunga umurundo

Mubakenyeza urubindo
Bakabulirwa n'isando
Bagahera mu Kirumbo
Ntibazilikane inkondo
Bagahora mu migendo

Mbaze ba Gishegu
Murarura abahungu
Mubashimye ubugimbi
Mubagabira ubugingi
Bakagenda bugenge

Mubatesha amarembo
Bakaguriza amagambo
Bakaralikira inombe
Bakaralira inambu
Bagahinduka indembe

Bagakeka uburumbo
Bagataha amarumba
Bakwohoka ingimbu
Bakagalika ingumba
Bakworeka ingamba

Leta we, reka nkugondoze!
Mpanira Abambaramvumba
ba Ruvuvu,
Bamuumbulira imvune
Navunitse mu mvi
Mva mu Mvejuru
Kwa Mvuliyimvano
Kubadika ikiremve
Cyo kuvunyisha abavanda
Ngo bataralikira imvuzo
Bakamveba ikivi cy'ubuvivi

Mpanira abasindanzobya ba Bizeze
Banyuza abasaburasoni mu nziranzigo
Bakabatereka umwererawa nzabya
Mu nzabya z'inzobe.
Bakabaraza mu nzozinzoberanyo
Bakabyuka ali inzovu
Zivubura imvuvu.
Bakavunguka uruhongohongo
Bahunguka amahango
y'i Buhangabantu.

Mpanira abambarampago
ba Mpambanke
Balimbura imbaga y'imbumbe
Bayivutsa imbundo y'indumburabantu
Bayiremba impamba y'impapuro
Z'impaka
Zitagira impakanizi y'impamo
Yuzuye impuha z'impotorabantu
Zifite imperekezabantu
ya Buntubuke.
Bayipfumbatiza imbunzakarago
za Bijorojoro.

Ibabuza gukeza uruhango
Kw'Ihangu
Bakayoboka uruhando
rw' i Humiro lya Buhandabantu
Bakarara mu mpinga
ya Mpongamubili
Hakulya ya Bulyozwampamba.

Mpanira abavuzarumbeti
ba Mbutombozi
Barunda imbagara mu mbagare
za Mbanzakwambara
Amasaka agahonja ali inyaga
Akaba inyana z'Abanyagirabugamyi
b'i Munyaga
Banyanyagiza iminyaga y'iminyago
mu nyanja y' inyoni.

Mpanira Abacinyamzogera
ba Nzungize
Banzuranya abali mu nzira
Bakabasiga umuziro w'umuzimire
Bakobora Umukondo w' umukunde

Bakarambika umuhororo mu muyira
w'intozintondagizi
Zigashinga ikiguli mu nguli
y'Ingumburabantu

Mpanira Abambarantama
ba Ntaremuntu
Bavutsa abali umudalimudende
Bakabaraza mu budehe bw'amadebe
Badidibuza umudiho w'umuzanano.
Imyambaro yabo igacika urudihiro
Igashira idodoka
Bakambara ubudodo bw'ubudolidoli.

Mpanira Abasamurasubyo
ba Bisusa
Batesha abali isuka n'isando
Bakabaraza mu bisasiro
byi imisure
Bakabasiga isusa mu misumbi
Bagasuherwa basusurutsa
Bagasuka urwoya rw'Ikinyabwoya.

Mpanira Abahonganseko
ba Nsekansabitse
Bahongera abangavu inseko
mu nsikka z'i Nsinda
Bakabatesha imyambaro
Bakabagasha Urwambaliro
Babatera amatobo ku matako
Bakayoba inzira igana intaho
Bakayobokka inturo y'intati
Zitunzwe n'intobo z'Imitobotobo

Mpanira Abahatazimwe
ba Ntamwemezi
Bahandira Abahuzabumwe
Bakabayobya uburali bw'iraro
Bakabaraza mu malili
y'Urulimbi
Bakabyukana amahavu
mu mbavu
Barwaye amavunane
mu mvugo
Bagaheba amarorwa y'i Murore
Bagahorana amavugwa y'ibivamvagara

Ba Ndemba ndimbe ndimbuka
Ndimbure indibu zitazi induru
Indurumira mu nda
Zikambindura indengera
Zandangaga ubusugi nasabwaga
Ntarabusaka amasahu
n'Abasamurasubyo ba Bisusa
Bakansiga isusa mu misumbi
Nkaba nserera ku bise
Kandi ntaramukwa umutegwagisage.

Mpanira Ababunzampuha
ba Ntampuhwe
Batunzwe no guhababahoza
Bagahababira abadahohota
Ntibahohoterwe
Bakabatoza guhigura umuhigo wahe!
Bakabakuraho ihaho ly'amahundo
Bagasigarana urusoho rw'ibihuha
Bagasigara bahunikira
Bacuranga ibicuma by'igicuku
mu bicumbi by'abacumbitse i Buhoro
Kwa Buruhukiro.

Mpanira Abahungasuka
ba Bilihanze
Bajya gusaka i Giseke
Batagira ibisakisho
Bagaheba ishweshwe
Bagashora imiswa mu misoto
Y'ikigega cya Rushenyi
Bagasegeta amasaka
Basotera inshembo z'
zi amasuka.

Leta we, ndacyakugondoza!
Shinga amategeko ahamye
Adahera mu mbaliro z'Impapuro
Azafashe inkiko gukemura
Impaka z' Impingikirane
Zikubirana inkuku z'inkungu
Zikokorwa n'inkuba z'inkunguzi
Zigira inkubito y'inkubirananukuku.

Leta we, boha umugozimugorozi
Uzilike ibigorogoro bigororoke
Byoye kuguguna Impembero y'Impamba.

amaco

Muharanire amajyambere
Muyashingire mu muco
Muwulinde ibicocero
Muwulinde ibicirane
Muwlinde uburara n'uburaya

ubumenyi

Mujijukire amajyambere
Inyuguti muzeneze
Musome neza mudasobwa
Mujye mwandika umukozo
Mukore imibare mutajijwa

ubuhinzi bworozi

Nimuhinga kijyambere
Mukorora kijyambere
Mugahinga mufumbira
Mugatera indobanure
Muzagwiza amajyambere

ubukorikori

Amajyambere aragenwa
Muhugukire ubugeni
Muhongere amasaro
Mubukingire inyegamo
Mubusasire ibirago

Muzagwiza umusaruro
Muwushore amaguliro
Mwanure ibiragara
Mwunguke amikoro
Muremereze amajyambere

Mbatumye i Buranga
Munyure i Rwambaliro
Mukomeze i Masoro
Mugere i Kisaro
Murare i Simbi
Mukomeze i Bukunzi
Munyure i Gahana
Mukomeze i Kanama
Mugere i Karama
Murare i Buhoro
Mwambare ikirezi
Mucyambike u Rwanda
Rucyeradde cyande
Gisaguke inkiko
Gisumire Afurika
Gifubike Isi yose
Muhorane IMPEMBERO